**AKARERE KA MUHANGA**

**UMWAKA W'AMASHURI 2025-2026**

**IGIHEMBWE CYA KABIRI**

**<u>IKIZAMINI K' IKINYARWANDA UMWAKA WA 5HGL, MPG, PCB,MCE,...../100</u>**

**<u>UMWANDIKO</u>: TWESE BIRATUREBA**

Kundwa ni umukobwa w'umuhanga wiga mu mwaka wa gatanu w'amashuri yisumbye. Imyaka yose yize agira amanota atari munsi ya mirongo inani, agira urugwiro n'ikinyabupfura. Ni we mwana w'umukobwa wenyine mu muryango wa Rwabigwi na Munyana. Imyigire ye ayifashwamo n'ababyeyi be cyanecyane se kuko ari we umugenera ibikenerwa byose.

Muri iyi minsi yarahindutse ku buryo bugaragarira abantu bose, ntakivuga, ahorana agahinda, asigaye anakererwa ku ishuri. Abanyeshuri bigana bamwibazaho cyane. Ntakigira urugwiro, nta kinyabupfura akigira, ntakinasetsa, ntagikora imyitozo ngororamubiri kandi yarayikoraga ashishikaye. Mu mirimo yo mu matsinda, abanyeshuri bo mu itsinda rye babyiniraga ku rukoma kuko rifite umuntu ukorana umwete kandi ibitekerezo atanze bikaba byizewe. Icyo gihe yakurikiraga umwarimu neza, yamubaza agasubiza ashize amanga none ubu byarahindutse. Asigaye asinzira mu ishuri umwarimu yamubaza akabura icyo asubiza.

Mu gihembwe cya mbere, Kundwa yagize amanota mirongo itanu. Nk'umurezi we bintera impungenge mpita nifuza kuganiriza ababyeyi be mu ntangiriro z'igihembwe cya kabiri. Igihembwe kigitangira, Kundwa aza kwiga nk'uko bisanzwe yarazonzwe boshye uwishwe n'inzara kandi mu gace dutuyemo se Rwabigwi ari we rubanda bacaho inshuro y'ibihingwa ngandurarugo.

Umunsi umwe mvuye ku kazi, nahitiye ku isoko ngo ndebe icyo nahaha. Igihe nunamye ntoranya amashu, agakapu nari mfite ku rutugu karanshika kagwa hasi. Ngiye kugatoragura umubyeyi twari twegeranye arakampereza. Mu guhuza amaso, mbona ni Munyana, nyina wa Kundwa ariko ntangazwa n'uko yari yambaye ubucabari, umwera ari wose, yarananutse cyane, ubona atagira shinge na rugero.

Natashye nibaza byinshi kuri Munyana. Ntekereje amashyo y'inka zikamwa bafite n'akazi umugabo we akora bimbera urujijo. Natekereza no ku myitwarire ya Kundwa, mbona ko umuryango wabo ufite ikibazo gikomeye. Mu kanya nk'ako guhumbya ihoni ry'imodoka yari itwawe na Rwabigwi rirankanga umutima urasimbuka. Ubwo ahita ahagarara mbona yarahozagaye cyane, dore ko ntaherukaga no kumuca iryera. Ibyo bintera kutaripfana mubaza aho yabaga, ambwira ko amaze icyumweru mu nama mpuzamahanga yaberaga muri Kenya, nuko arakomeza aragenda.

Imodoka igitirimuka, Munyana acaho yiruka amasigamana, ameze nk'uwataye umutwe. Mbere yo kugera iwange nanyuraga ku rugo rwa Rwabigwi. Yari umuturanyi wange. Nkigera ku muharuro kwa Rwabigwi numva umuntu utaka ariko ahita aceceka. Mba mbonye Kundwa asohoka mu nzu. Mubajije aho ababyeyi be bari ambwira ko ntabahari ngwa mu kantu, nkomeza kugenda ariko sinashira amakenga.

Nuko ngenda ntekereza ku gisubizo Kundwa ansubije ko nta mubyeyi we n'umwe uhari kandi nahuye na se na nyina bataha biranyobera. Mu gitondo cya kare nsubiye ku kazi nsanga Kundwa ntiyaje ku ishuri. Ntangira kwigisha ariko ntatuje kuko nahuzaga ibyo nari naraye mbonye n'imyitwarire ya Kundwa, bikambera ikibazo gikomeye. Nyuma y'isaha, isomo ririmbanyije, ngiye kubona mbona Kundwa arakomanze arinjiye. Nkimukubita amaso, mbona amaso ye yatukuye, adatuje na mba; binyanga mu nda mufata akaboko njya kumubaza ikibazo afite.

Tugeze hanze araturika ararira, ndamuhoza mugusha neza kugira ngo menye umuzi n'umuhamuro w'akababaro yari afite. Hashize umwanya muto, araceceka ambwira ko agiye kumenera ibanga! Yambwiye ko iwabo nta mahoro aharangwa, ko nyina yaraye akubitwa ijoro ryose azira gusaba se amafaranga y'abahinzi kuko yari yagurishije imyaka yose yari yejeje. Anambwira ko nyina akora iyo bwababaga, akirya akimara ahingisha, yamara guhunika imyaka yasaruye imodoka ya se igatunda agasigara amara masa, aririra mu myotsi.

Ibyo rero ngo byababaye intandaro y'amakimbirane hagati ya se na nyina, ndetse binatuma ubukene n'inzara byokama abagize umuryango wa Rwabigwi, mu gihe we ahora yishimisha mu byo ataruhiye. Kundwa n'amarira menshi arakomeza ambwira ko nyina yafashe ikemezo cyo kwahukana akajya kwa musaza we kubera amakimbirane ahora mu rugo rwabo. Ansobanurira ko ibyo ari byo byatumye akererwa ishuri kuko yari yatoye agatotsi mu gitondo se amaze kugenda.

Bukeye njya kuganiriza Munyana kuri icyo kibazo. Ambwira ko amakimbirane ari mu rugo rwabo ashingiye cyane ku ihohoterwa akorerwa n'umugabo we agasahura

Urugo yamubaza impanvu akamucura bufuni na buhoro. Nange musubiza ko ihohoterwa ari icyaha gihanwa n'amategeko. Ambwira ko atari azi ko hari amategeko amurengera ndetse ko agiye kubimenyesha ubutabera bukamurenganura. Mbona bitagarukira aho gusa, mpitira ku Muyobozi w'Akagari tuganira ku kibazo cy'amakimbirane agenda agaragara mu ngo abantu bafata nk'ikintu cyoroshye kandi kigira ingaruka zikomeye ku muryango.

Umuyobozi w'Akagari ahita atumiza inama y'abaturage bose, anatumiza urwego rwa porisi rushinzwe umutekano. Ntibyatinze inama iraterana. Mu nama nari nicaranye na Rwabigwi, bavuga ibirebana n'amakimbirane mu ngo aterwa ahanini n'ihohoterwa rikorerwa abagore mu ngo, akareba hasi kuko ari we babaga bajombye igikwasi. Munyana we yari ari gusuka amarira yayujuje umusazirwa w'agatenge yari yambaye! Bageze ku bihano biteganywa

n'amategeko ku bateza amakimbirane, umutima wa Rwabigwi uratera ndawumva, yitsa imitima abura aho arigitira kuko mu rugo rwe yari we ntandaro y'amakimbirane ahahora. Inama ihumuje turataha.

Mu nzira dutaha ngerageza kumuganiriza, ambwira ko ibyo bavuze byose wagira ngo ni we bavugaga. Arakomeza ambwira ko guhera uwo munsi agiye kwisubiraho, ko urugo rwe rugiye kurangwa n'amahoro kandi ko atazongera kwigira intare ngo abuze umutekano umugore we n'abana. Kuva ubwo afata umugambi wo kutazongera gutererana umugore we mu mirimo yakoraga no gufasha abana mu myigire kandi abaha ibyo bakeneye byose.

Turwanye amakimbirane twubaka umuco w'amahoro, twese biratureba.

***Igice cya Mbere*: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO(amanota 20)**

A. Ibibazo byo kumva umwandiko / **amanota10**

1. Umwarimu wa Kundwa ntiyagiriye Kundwa ibanga nk'uko yari yabimusabye. Kutagira ibanga kwe byagize izihe nyungu ku muryango wa Rwabigwi?
   A. Byatumye ise na nyina wa Kundwa bakomeza kubana mu mahoro
   B. Byatumye ubuyobozi bumenya ibibazo by'amakimbirane abera mu muryango wa Rwabigwi
   C. Byatumye nyina wa Kundwa agaruka mu rugo rwe
   D. Ibisubizo byose ni byo
2. Ni ayahe makimbirane avugwa mu mwandiko?
   A. Ni avugwa mu kigo k'ishuri Kundwa yigamo
   B. Ni ari mu baturanyi b'iwabo wa Kundwa
   C. Ni ari hagati Munyana( nyina wa Kundwa) na Rwabigwi
   D. Nta gisubizo kirimo
3. Amakimbirane avugwa mu mwandiko akomoka kuri nde?
   A. Rwabigwi sekuru wa Kundwa akaba se wa Munyana
   B. Munyana nyina wa Kundwa
   C. Munyana umwarimu wa Kundwa
   D. Rwabigwi se wa Kundwa
4. Ijambo amakimbirane rishobora gusobanura:
   A. Ukuvuga nabi ubwira mugenzi wawe
   B. Ukutumvikana ku kintu runaka hagati y'umuntu n'undi
   C. Ukugerageza kuvuga neza mu bandi
   D. Nta gisubizo kirimo
5. Ushingiye ku bumenyi waba ufite, bumwe mu buryo bwo gukemura amakimbirane ni
   A. Gutega amatwi uruhande rumwe ugahita ufata umwanzuro
   B. Kutagira n'umwe wumva mu bakimbiranye ugahita ufata umwanzuro
   C. Gutega amatwi impande zombi ukumva inkomoko y'amakimbirane ugafata umwanzuro
   D. Kubirengagiza ukabaha rugari bakitoramo uri mu kuri

B. Inyunguramagambo

Zengurutsa akaziga ku gisubizo cy'ukuri ukurikije uyu mwandiko( **amanota 10)**

6. Isomo ririmbanyije bisobanura:
   A. Isomo ritangiye
   B. Isomo rirangiye
   C. Isomo rigeze hagati
   D. Isomo riryoshye
7. Imodoka igitirimuka bisobanura:
   A. Imodoka igihaguruka
   B. Imodoka ikigenda
   C. Imodoka igitsimbura
   D. Byose ni byo
8. Amakenga bisobanura:
   A. Kwitondera gukora ikintu
   B. Gukeka umuntu
   C. Kwizera umuntu
   D. Kutagirira umuntu ikizere
9. Yarahozagaye bisobanura:
   A. Yarabyibushye
   B. Yaragize imibereho myiza
   C.Yarananutse
   D. Yarashonje
10. Kumuca iryera bisobanura:
   A. Kumubona
   B. Kumurabukwa
   C. Kumuvugisha
   D. Kutamubona

***Igice cya Kabiri***: **Ikibonezamvugo**

11. Emeza cyangwa uhakane ukoresheje Ni byo cyangwa Si byo ugendeye ku bwoko bw'amagambo atsindagiye/**amanota 20**

**Amasaka** yumye turatangira tuyaha ingasire,dore ko twasyaga ku rusyo **rw**'ibuye rishashe **neza**, rushyigikijwe **andi** **mato**.Hagati aho **data** atema ibitoke, turamufasha arabitara, arabihungira, **igihe** kigeze tumufasha kubikama, **tumukarangira** urubetezi, turasya, aratara.Umunsi **wo guhogorora** uhurirana n'ishya ry'ibigage, imisemburo ifuha mu ntango.

a. Amasaka : izina bwite…………………………..

b. rw' : Ikinyazina ngenga : ……………………

c. Neza : Umugereka w'uburyo……………..

d. Andi : Ikinyazina ndafutura :…………….

e.Mato : Izina rusange :……………………

f. Data : Ikinyazina mbanziriza : ………………

g. Igihe : Izina bwite :…………………………

h. Tumukarangira : Inshinga iri mu mbundo : …………………….

i. Wo : Ikinyazina ngenera : ……………………..

j.Guhogorora : Igisantera : ……………………..

**12.** Subiza **yego** cyangwa **oya /amanota10**

a. Inshinga ni izingiro cyangwa ipfundo ry'ubutumwa mu nteruro ………..

b. Ibihe bikuru by'inshinga ni inzagihe, indagihe n'impitagihe gusa …….

c. Kugira ngo tubone ibicumbi bya ntera iteka turagoragoza ……………

d. Uturemajambo tw'ibanze tw'izina nyakimwe ni indomo, indanganteko n'igicumbi……

e. Ibicumbi by'amazina mbonera birazwi neza umubare …………

13. Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe **/amanota10**

i)Umuganda : ………………………………………………

ii)Ababiri : …………………………………………………

iii)Inama : …………………………………………………

iv) Igihe: …………………………………………………

v.Imfura: ………………………………………………

***Igice cya Gatatu***: Ubumenyi rusange bw'ururimi /**amanota 10**

14. Uzurisha amagambo yabugenewe ukurikije ubumenyi ufite

a. ……………………………… ni ukuvuga kw'igikeri

b. ……………………………… ni umwana wavutse ari uwa kabiri na ho ……………………………… …ni uwavutse bwa nyuma.

c. ………………………………ni ukurangiza kuvuga kw'ingoma

d.……………………………. …ni ukugenda ucumbagira

e. ................................... ni ugukama vuba

f. ..................................... ni ingobyi bahekagamo umwami

g. .................................... ni intozi nyinshi

h. ................................... ni amashyi menshi

i. .................................... ni aho imitavu iba

j. .................................... ni aho imbeba ziba

15. Uzuza ushingiye ku bumenyi ufite ku nshoberamahanga /**amanota 5**

a. Kuvoma hafi:
..................................................................................................................
..................................................................................................................
..............................................

b. Gutera isekuru:
................................................................................................................
................................................................................................................
.......................

c. Kuruca ukarumira:
................................................................................................................
................................................................................................................
......................

d. Kugwa gitumo:
................................................................................................................
................................................................................................................
.......................

e. Kuba mu rinimi:
................................................................................................................
................................................................................................................
.......................

16. Rondora ingeri eshanu(5) zo mu buvanganzo nyabami n'izindi eshanu(5) zo mu buvanganzo bwo muri rubanda/**amanota10**

................................................. ..................................................
................................................. ..................................................
................................................. ..................................................
................................................. ..................................................
................................................. ..................................................

…………………………………………… ……………………………………………
…………………………………………… …………………

17. Huza amagambo yo mu ruhushya **A** n'ari mu ruhushya **B** ukurikije imiterere y'ubutinde n'amasaku /**amanota 5**

| Uruhushya **A** | Uruhushya **B** |
|---|---|
| 1. Itaaba | a. umwase |
| 2. Umugorê | b. umukoro |
| 3. Umusôre | c. umwanda |
| 4.Umwâana | d. urugo |
| 5. umwaâmi | e. inama |

***Igice cya Kane***: Ihangamwandiko /**amanota10**

18. Mu ngingo enye zigaragara kandi zisobanutse, Hanga umwandiko ntekerezo ku nsanganyamatsiko y'**akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'Abanyarwanda**.

***MUZAGIRE PASIKA NZIZA!!***